



Igituntu

Inyandiko y'amakuru y'ingenzi



Igituntu ni indwara iterwa na bagiteri, akenshi yangiza ibihaha. Ariko n'ibindi bice by'umubiri bishobora kwandura. Ntabwo buri muntu wese wanduye Igituntu ariko arwara. Hari ubwoko bubiri bw'imiterere y'igituntu: Bagiteri z'igituntu ziri mu mubiri ariko zitariremamo indwara (zitanduza) n'Igituntu cyarangije kuba indwara (yandura)



Igihe umuntu urwaye Igituntu cyo mu bihaha akoroye, yitsamuye cyangwa ariribye, bagiteri zitera Igituntu zijya mu mwuka. Abantu bari ahantu hamwe bahumeka umwuka uturuka hamwe n'urwaye bashobora guhumeka izo bagiteri.


Ibimenyetso



Gukorora



Umunaniro



Gutakaza ibiro



Kubira ibyuya mu ijoro



Kubabara mu gatuza



Umuriro

Abantu bafite Igituntu cyo mu bihaha bashobora kugira inkorora imara ibyumweru bitatu cyangwa birenga, kubabara mu gatuza, cyangwa gukorora amaraso. Ibindi bimenyetso bigaragara bitewe n'igice cy'umubiri cyanduye.



Vugisha muganga wawe igihe utekereza ko waba ufite Igituntu. Uguha serivisi z'ubuvuzi ashobora gusaba ko bakora ikizamini cyo gupima Igituntu bacishize mu ruhu. Gusuzuma igituzo bizakorwa mu gihe ibyo bipimo byafashwe byagaragaje ko wanduye. Igituntu kivurwa n'ibinini. Imiti irwanya bagiteri z'Igituntu kitaraba indwara irahari.

Igituntu gifata ibihaha/Igituntu gifata indi myanya y'umuburi



Indwara y'Igituntu ishobora guteza ibihaha kwangirika (mu buhumekero), nicyo gituntu cyanduza ku bandi. Igituntu gishobora na none gufata imyanya itari ibihaha (imyanya itari iy'ubuhumekero), aricyo kitanduza.

Ninde wandura Igituntu?



Buri muntu wese ashobora kwandura Igituntu. Abantu bafite abyago byinshi ni abagize umuryango we, inshuti ze, abo bakorana bahurira ahantu hamwe kandi bagahumeka umwuka umwe n'umuntu urwaye Igituntu cyo mu bihaha.

Abandi bafite ibyago byo kwandura harimo abantu batuye cyangwa mukorera ahantu hamwe, abantu bakoresha ibiyobyabwenge cyangwa ibisindisha, abantu bafite ibindi bibazo by'uburwayi birimo nk'indwara ya diyabeti, Agakoko gatera SIDA, cyangwa ubwoko ubwo ari bwo bwose bwa kanseri n'abantu bafite ikibazo cyo gutakaza ibiro. Abantu baturuka mu bihugu bigaragamo umubare uri hejuru w'abantu barwaye Igituntu nabo bafite ibyago byo kwandura.

Igituntu kigira ubudahangarwa ku miti



Igituntu kigira ubudahangarwa ku miti (MDR) giterwa na bagiteri zigira

- ubudahangarwa ku miti ku nshuro ya mbere.
 - Igihe ubudahangarwa ku miti bugaragaye, icyo gihe imiti ntiba igifite
 - ubushobozi bwo kwica bagiteri z'Igituntu.
 - Igituntu kigira ubudahangarwa ku miti (XDR) kigaragara igihe bagiteri z'Igituntu zigira ubudahangarwa ku miti imwe n'imwe ufata ku nshuro ya mbere no ku nshuro ya kabiri.
 - Ibi biba igihe umurwayi w'Igituntu adafata imiti y'Igituntu yandikiwe na muganga.
 - Igituntu cya XDR na MDR kiragoye kandi gitwara amafaranga menshi ku kivura. Kandi ubuvuzi bumara igihe kirekire kurusha Igituntu kitagira
 - ubudahangarwa ku miti.
- Imiti ikoresheya mu kuvura Igituntu cyo mu bwoko bwa XDR na MDR ishobora kugira ingaruka ku buzima.

Ku yandi makuru, wasura urubuga:



1. www.maine.gov/dhhs/tb
2. www.cdc.gov/tb

Ushobora na none guhamagara CDC yo muri Maine kuri numero 1-800-821-5821.